# 14: Isezerano ry'Umwami Mana

1.

Isezerano ry'Umwami Mana Ntirihinduka habe na gato. Nahw imisozi yose yavaho, Ryo ntirivaho na gato.

Ref:

Isezerano ry'Imana yacu, Ntirihinduka habe na gato. Nahw inyenyeri zo zakwijima, Isezerano rihoraho.

2.

Isezerano rye rihoraho, Haba mu byago no mu mwijima, Naho nananirwa rnu ntambara, Ryo ntirivaho na gato.

3.

Isezerano rye rihoraho, Haba mu ndwara, haba mu rupfu. Imana Data ihor' impoza, Kubw' isezerano, ryayo.

4.

Isezerano ryayo ribaho, Izankangura kuva mu rupfu. Kwa Data ni ho nzambikw' ikamba, Bitewe n'isezerano.

Visit us at indirimbo.com